**A Kwihana:**

- **Gutinda kwihana.**
  - Mu rugo rwo kwa Lazaro, Yesu yavuze ku bintu by'ingenzi, ngombwa ku gakiza. Ariko Marita ntiyabiteze amatwi. Nta mwanya yari afite. Yari ahugiye mu bintu byinshi byo gukora! (Luka 10:40–41).
  - Ibi natwe bitubaho. Iyo twakoze icyaha, Umwuka Wera akaduhamagarira kwihana, Satani atwuzuza ibikorwa, imihangayiko, cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose kitubuza gutekereza ku mimerere yacu y'icyaha, ngo dushake kubabarirwa.
  - Ariko Imana ntirambirwa. Ikomeza kurarika  (Ezekiyeli 33:11). Igereranya ibyaha byacu n'ubushwambagara buriho ibizinga (Yesaya 64:6). Itanga ingurane: ubwo bushwambagara ibusimbuza ikanzu yayo iboneye (Zekariya 3:4), yatunganyirijwe mu maraso ya Yesu (Ibyahishuwe 7:14).
- **Kwihana by'ukuri.**
  - Kwihana ni iki? Ni irihe tandukaniro riri hagati yo kwihana by'ukuri no kwihana kutari uk'ukuri? (2 Abakorinto 7:10)
  - Iyo icyaha kizanye ingaruka zihutiyeho kandi zitanejeje, havuka ukwicuza. Ni ikimwaro cy'uko ibyo twakoze bitaduhiriye. Hatabayeho ingaruka mbi, ntitwajyaga kumva tubabajwe n'ibyo twakoze. Uku SI ukwihana nyakuri (uko byagendekeye Yuda).
  - Iyo kuba twaracumuye ari byo biduteye agahinda, ndetse n'icyifuzo gikomeye cyo kubabarirwa (ingaruka mbi zāba zarabayeho cyangwa zitarabayeho), tuba dufite ukwihana nyakuri (uko byagendekeye Petero).
  - Iyo dukoze icyaha, Umwuka Wera "aradukomeretsa" kandi "aradukubita" tukagira agahinda kenshi. Iyo tubyakiranye kwihana nyakuri, Imana iradukiza, ikatubabarira ibyaha byacu (Hoseya 6:1).
- **Kurarikirwa kwihana.**
  - Yohana Umubatiza na Yesu batangiye umurimo wabo bavuga ubutumwa bumwe: "Nimwihane" (Matayo 3:1–2; 4:17).
  - Kuki kwihana ari ingenzi? Kuko kutabayeho, ntihabaho kubabarirwa ibyaha (Ibyakozwe 2:38; 3:19). Uru rugendo rukorwa rute?
    - (1) Imana, kubw'ineza yayo, iturarikira kwihana (Abaroma 2:4)
    - (2) Twitaba irarika ryayo
      - (a) Tukababazwa cyane n'ibibi twakoze
      - (b) Dufata icyemezo kivuye ku mutima cyo kureka icyaha
    - (3) Imana itubabarira ibyaha binyuze mu maraso Yesu yameneye ku musaraba (Abakolosayi 1:13–14)
  - Menya neza ko kwihana no kubabarirwa bigomba buri gihe kutujyana ku ivugurura; ku guhindura imigirire bitujyana ku kureka gucumura (Yohana 5:14).

**B Kubabarirwa:**

- **Ubuntu bwo kubabarirwa.**
  - Nta kintu na kimwe gihatira Imana kutubabarira. Nta kintu na kimwe twakora ngo tube dukwiriye imbabazi. Uwiteka aduha imbabazi ku bw'ubuntu; ku bw'urukundo Rwe rutagira akagero. Ababarira kuko ari "mwiza, yiteguye kubabarira, kandi yuzuye imbabazi" (Zaburi ya 86:5; reba Kuva 34:6–7).
  - Urukundo Rwe rwamuteye kwitanga ku musaraba, yishyura umwenda w'icyaha tudashobora kwishyura (Abefeso 2:4–5).
  - Iyo dushyize ibyaha byacu ku birenge by'umusaraba, Yesu atubohora umutwaro uturemereye (Abaheburayo 12:1–2).
- **Imyambaro yo kubabarirwa.**
  - Itorero ry'Imana—ndetse na buri wese mu barigize—ryambaye "umwenda w'igitare mwiza, urabagirana utanduye" kandi "ntirifite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo" (Ibyahishuwe 19:8; Abefeso 5:27).
  - Iyi myenda myiza ni ikimenyetso cy'"imirimo myiza y'abera" (Ibyahishuwe 19:8b). Ariko uku gukiranuka si ukwabo bwite; baguhawe na Kristo (Ibyahishuwe 7:14).
  - Ubwo Adamu na Eva bacumuraga, batwikiriye ubwambure bwabo bakoresheje imirimo yabo bwite. Ariko bakomeje kubona ko bambaye ubusa imbere y'Imana (Itangiriro 3:7–10). Imyambaro Imana yatanze yari ikimenyetso cy'"umwenda w'ubukwe" Kristo aduha: gukiranuka Kwe kuzuye gukuraho ibyaha byacu (Itangiriro 3:21; Zaburi ya 51:7–10).
  - Nta muntu uzajya mu Ijuru atambaye uwo mwenda (Matayo 22:1–14).